Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imbonerahamwe n'incamake y'imyanya y'imirimo by'Ubushinjacyaha Bukuru.

A Prime Minister's Order shall determine the organizational structure and organization chart of the National Public Prosecution Authority.

Un arrêté du Premier Ministre détermine le cadre organique et l'organigramme de l'Organe national de Poursuite judiciaire.

**Icyiciro cya 2: Imikorere y'Ubushinjacyaha Bukuru**

**Akiciro ka mbere: Ubuyobozi bw'Ubushinjacyaha Bukuru, inshingano z'Umushinjacyaha Mukuru n'iz'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije**

**Ingingo ya 19: Ubuyobozi bw'Ubushinjacyaha Bukuru**

Ubushinjacyaha Bukuru buyoborwa n'Umushinjacyaha Mukuru.

**Ingingo ya 20: Inshingano z'Umushinjacyaha Mukuru**

Umushinjacyaha Mukuru afite inshingano zikurikira:

- 1° kuyobora, gukurikirana no guhuriza hamwe imirimo y'Ubushinjacyaha Bukuru;
- 2° gukurikirana abantu bafite umwihariko wo kuburanira mu Rukiko rw'Ikirenga ku rwego rwa mbere n'urwa nyuma, kandi ni we ubwe uhagararira Ubushinjacyaha Bukuru imbere y'urukiko muri bene izo manza, ataboneka agasimburwa n'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije;
- 3° gutanga inama mu bijyanye no guhererekanya n'ibindi bihugu abakekwaho ibyaha, ku bibazo birebana n'imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika, ku ifungurwa ry'agateganyo

**Section 2: Functioning of the National Public Prosecution Authority**

**Subsection One: Administration of the National Public Prosecution Authority, responsibilities of the Prosecutor General and of the Deputy Prosecutor General**

**Article 19: Administration of the National Public Prosecution Authority**

The National Public Prosecution Authority is headed by the Prosecutor General.

**Article 20: Responsibilities of the Prosecutor General**

The Prosecutor General has the following responsibilities:

- 1° to head, make follow-up on and coordinate activities of the National Public Prosecution Authority;
- 2° to prosecute persons falling within the exclusive jurisdiction of the Supreme Court in first and last instance and personally represent the National Public Prosecution Authority when prosecuting their cases in court. In case of absence, he/she is replaced by the Deputy Prosecutor General;
- 3° to provide advice on extradition proceedings, application for presidential pardon, release on parole and rehabilitation;

**Section 2: Fonctionnement de l'Organe national de Poursuite judiciaire**

**Sous-section première: Administration de l'Organe national de Poursuite judiciaire, attributions du Procureur Général et celles du Procureur Général Adjoint**

**Article 19: Administration de l'Organe national de Poursuite judiciaire**

L'Organe national de Poursuite judiciaire est dirigé par le Procureur Général.

**Article 20: Attributions du Procureur Général**

Le Procureur Général a les attributions suivantes:

- 1° assurer la direction, le suivi et la coordination des activités de l'Organe national de Poursuite judiciaire;
- 2° engager des poursuites contre les personnes relevant de la compétence exclusive de la Cour Suprême en premier et en dernier ressort et représenter personnellement l'Organe national de Poursuite judiciaire lors de leurs procès devant la juridiction. En cas d'absence, il est remplacé par le Procureur Général Adjoint;
- 3° donner des avis en matière d'extradition, de grâce présidentielle, de libération conditionnelle et de réhabilitation;

ku bakatiwe no ku bijyanye n'ihanagurabusembwa;

- |   |   |   |
|---|---|---|
| <p>4° guha Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye, abandi Bashinjacyaha kuri urwo rwego cyangwa abo ku rwego rw'Ibanze ububasha bwo gukorera imirimo y'ikurikiranacyaha mu yindi fasi iyo bibaye ngombwa, akabimenyesha Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha mu nama yayo ikurikira;</p> | <p>4° to confer on the Chief Prosecutor at the intermediate level, other prosecutors at the intermediate level or at the Primary level powers to carry out prosecutorial functions outside their jurisdiction where necessary, and inform the High Council of the National Public Prosecution Authority thereof in its next meeting;</p>  | <p>4° donner au procureur en chef au niveau de grande instance, aux autres officiers de poursuite judiciaire au niveau de grande instance ou au niveau de base les pouvoirs d'exercer, en cas de besoin, des poursuites en dehors de leur ressort et en informer le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire à sa prochaine réunion;</p>  |
| <p>5° kohereza Umushinjacyaha wo ku rwego rw'Igihugu ahandi hatari ku cyicaro cy'Ubushinjacyaha Bukuru, mu gihe kigenwe, kujya gukora imirimo yo gukurikirana ibyaha iyo bibaye ngombwa, akabimenyesha Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha mu nama yayo ikurikira;</p>                                     | <p>5° to second any National Prosecutor to a location other than the head office of the National Public Prosecution Authority for a specified period in order for him/her to carry out prosecutorial functions where necessary, and inform the High Council of the National Public Prosecution Authority thereof in its next meeting;</p> | <p>5° détacher un Procureur national dans un endroit autre que le siège de l'Organe national de Poursuite judiciaire, pour une période déterminée pour qu'il exerce, en cas de besoin, des poursuites et en informer le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire à sa prochaine réunion ;</p>   |
| <p>6° gushyikiriza Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'Ubushinjacyaha Bukuru;</p>  | <p>6° to submit to the High Council of the Public Prosecution the annual draft budget proposal of the National Public Prosecution Authority;</p>  | <p>6° soumettre au Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire l'avant-projet de budget de l'Organe national de Poursuite judiciaire;</p>  |
| <p>7° guhagarika by'agateganyo ku mirimo Abashinjacyaha, uretse abagize ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru, iyo hari icyihutirwa mu gihe yaregewe ikosa rigomba gukurikiranwa, akabimenyesha Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha mu nama yayo ikurikira;</p>   | <p>7° to temporarily suspend prosecutors, except members of the Prosecutor General's Office, in case of urgency following an allegation of misconduct referred to him/her that requires prosecution and inform the High Council of the National Public Prosecution Authority thereof in its next meeting;</p>                             | <p>7° suspendre provisoirement des officiers de poursuite Judiciaire, à l'exception des membres du Bureau du Procureur Général, s'il y a urgence à la suite d'un cas d'inconduite dont il est saisi qui exige que des poursuites soient intentées, et en informer le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire à sa prochaine réunion;</p> |

*Official Gazette n° Special of 30/05/2018*

8° gushyira umukono ku mategeko ngengamikorere y'Ubushinjacyaha Bukuru amaze kwemezwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ;

9° gushyira mu myanya, kwimura no gushima imikorere y'Abashinjacyaha n'abandi bakozi b'Ubushinjacyaha Bukuru akabimenyesha Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

8° to sign the Rules of Procedure of the National Public Prosecution Authority after approval thereof by the High Council of the National Public Prosecution Authority;

9° to appoint, transfer and carry out performance appraisals for prosecutors and other staff members of the National Public Prosecution Authority and inform the High Council of the National Public Prosecution Authority thereof.

8° signer le règlement d'ordre intérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire après son adoption par le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire;

9° nommer, transférer et évaluer la performance des officiers de poursuite judiciaire et d'autres membres du personnel de l'Organe national de Poursuite judiciaire et en informer le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire.

Umushinjacyaha Mukuru ashobora guha abandi bakozi b'Ubushinjacyaha Bukuru ububasha bwo gukora imwe mu mirimo ashinzwe.

The Prosecutor General may delegate to other staff members of the National Public Prosecution Authority the power to carry out some of his/her responsibilities.

Le Procureur Général peut déléguer à d'autres membres du personnel de l'Organe national de Poursuite judiciaire le pouvoir d'exercer certaines de ses attributions.

**Ingingo ya 21: Inshingano z'Umushinjacyaha Mukuru Wungirije**

**Article 21: Responsibilities of the Deputy Prosecutor General**

**Article 21 : Attributions du Procureur Général Adjoint**

Abiyobowemo n'Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru Wungirije afite inshingano zikurikira:

The Deputy Prosecutor General shall, under the supervision of the Prosecutor General, have the following responsibilities:

Sous la supervision du Procureur Général, le Procureur Général Adjoint assume les attributions suivantes :

1° gukurikirana gahunda y'iburanisha ry'imanza z'inshinjabyaha no kugena abashinjacyaha ku rwego rw'Igihugu bahagararira ubushinjacyaha muri izo manza;

2° kugena imyambaro y'Abashinjacyaha mu mihango y'iburanisha no mu minsi mikuru ya Leta amaze kumva icyo inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ibivugaho;

1° to make follow-up on criminal case hearing schedule and assign National Prosecutors to represent the public prosecution in such cases;

2° to determine the dress code of prosecutors in Courts and in official ceremonies, after consultation of the High Council of the National Public Prosecution Authority;

1° faire le suivi du calendrier des audiences pénales et affecter les Procureurs nationaux pour représenter l'organe de poursuite judiciaire dans ces audiences ;

2° déterminer le code vestimentaire des officiers de poursuite judiciaire dans les audiences et les cérémonies officielles après avis du Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire;

*Official Gazette n° Special of 30/05/2018*

3° gukurikirana imikorere y'Ubunyamabanga Bukuru;

4° kunganira Umushinjacyaha Mukuru mu yindi mirimo yaba iy'ubuyobozi n'iy'ikurikiranacyaha;

5° gusimbura Umushinjacyaha Mukuru igihe adahari.

3° to make follow-up on the functioning of the General Secretariat;

4° to assist the Prosecutor General in the performance of other administrative and prosecutorial functions;

5° to replace the Prosecutor General in case of absence.

3° faire le suivi du fonctionnement du Secrétariat général ;

4° assister le Procureur Général dans l'accomplissement d'autres fonctions tant administratives que de poursuite ;

5° remplacer le Procureur Général en cas d'absence.

**Ingingo va 22: Ihagararirwa ry'Umushinjacyaha Mukuru**

Umushinjacyaha Mukuru ahagararirwa ku rwego Rwisumbuye no ku rwego rw'Ibanze n'Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye yunganiwe n'abandi Bashinjacyaha kuri urwo rwego, hamwe n'Abashinjacyaha ku rwego rw'Ibanze.

Umushinjacyaha Mukuru ashobora guha Abashinjacyaha bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo amabwiriza yanditse ku bijyanye n'ikurikirana ry'abakekwaho ibyaha. icyakora, nta bubasha afite bwo kubuza Umushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye cyangwa ku rwego rw'Ibanze kuba yakurikirana umuntu kugira ngo abe ari we umwikurikiranira.

**Ingingo va 23: Inshingano z'Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye**

Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye ayobora kandi akabazwa imikorere y'Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye noku rwego rw'Ibanze bwo mu ifasi ayobora.

**Article 22: Representation of the Prosecutor General**

The Prosecutor General is represented at the intermediate and primary levels by the Chief Intermediate Prosecutor, assisted by other prosecutors at that level and prosecutors at the primary level.

The Prosecutor General may give prosecutors referred to in paragraph One of this Article written instructions regarding the prosecution of suspects. However, he/she has no power to instruct any Prosecutor at the intermediate or Primary level to refrain from prosecuting any person in order for him/her to personally take over the prosecution of such a person.

**Article 23: Responsibilities of the Chief Prosecutor at the intermediate level**

The Chief Prosecutor at the intermediate level is responsible and answerable for the functioning of the Public Prosecution at intermediate and primary levels within the territorial jurisdiction under his/her supervision.

**Article 22: Représentation du Procureur Général**

Le Procureur Général est représenté au niveau de grande instance et au niveau de base par le procureur en chef au niveau de grande instance assisté par d'autres officiers de poursuite judiciaire à ce niveau et par les officiers de poursuite judiciaire au niveau de base.

Le Procureur Général peut donner aux officiers de poursuite judiciaire visés à l'alinéa premier du présent article, des injonctions écrites concernant les poursuites à l'encontre des suspects. Toutefois, il ne peut pas dessaisir l'officier de poursuite judiciaire au niveau de grande instance ou au niveau de base du dossier à instruire afin de reprendre à son compte les poursuites dans le cadre de ce dossier.

**Article 23: Attributions du Procureur en Chef au niveau de grande instance**

Le Procureur en chef au niveau de grande instance coordonne et rend compte du fonctionnement de la Poursuite judiciaire aux niveaux de grande instance et de base du ressort qu'il supervise.

*Official Gazette n° Special of 30/05/2018*

Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye ashinzwe ibi bikurikira:	The Chief Prosecutor at the intermediate level is responsible for the following:	Le Procureur en chef au niveau de grande instance est chargé de ce qui suit:
1° gukurikirana no kuyobora imirimo y'ubushinjacyaha n'iy'ubugenzacyaha;	1° to make a follow up and lead operations of public prosecution and criminal investigations;	1° assurer le suivi et le contrôle des fonctions de poursuite judiciaire et des enquêtes judiciaires;
2° kugabanya imirimo abakozi no guha Abashinjacyaha amabwiriza y'akazi ku rwego Rwisumbuye no ku rwego rw'Ibanze;	2° to assign duties to the staff and issue instructions to prosecutors at intermediate and Primary levels;	2° distribuer les tâches aux agents et donner les directives aux Procureurs aux niveaux de grande instance et de base;
3° guhuriza hamwe ibijyanye n'ikurikiranacyaha ku rwego Rwisumbuye no ku rwego rw'Ibanze;	3° to coordinate prosecution activities at intermediate and primary levels;	3° coordonner l'exercice de l'action publique aux niveaux de grande instance et de base ;
4° guha Umushinjacyaha Mukuru, buri kwezi na buri gihe cyose bibaye ngombwa, raporo ikubiyemo uko imirimo y'Ubushinjacyaha yagenze, ibyagezweho n'ingorane zabayeho;	4° to submit to the Prosecutor General, monthly and whenever considered necessary, a report on prosecution activities indicating achievements and challenges encountered;	4° faire, mensuellement et chaque fois que de besoin, le rapport au Procureur Général, faisant état des activités de poursuite judiciaire, réalisations ainsi que des difficultés rencontrées;
5° gukora isesengura, afatanyije n'urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano zarwo, ku mpamvu no ku miterere y'ibyaha kandi akabikorera raporo ashyikiriza Umushinjacyaha Mukuru buri mezi atandatu (6);	5° to carry out an analysis, in collaboration with the organ in charge of criminal investigation, on causes and nature of criminality and submit to the Prosecutor General a report thereof in every six (6) months;	5° réaliser, en collaboration avec l'organe ayant les enquêtes judiciaires dans ses attributions, une analyse sur les causes et la nature de la criminalité et en faire rapport au Procureur Général tous les six (6) mois ;
6° kujya mu nama z'umutekano no gukorera raporo Umushinjacyaha Mukuru;	6° to attend security meetings and submit a report to the Prosecutor General;	6° participer aux réunions de sécurité et en faire rapport au Procureur Général;
7° guha Abashinjacyaha ku rwego Rwisumbuye ububasha bwo gukorera mu ifasi y'Ubushinjacyaha ku rwego rw'Ibanze cyangwa guha Umushinjacyaha ku rwego rw'Ibanze ububasha bwo gukorera imirimo y'ikurikiranacyaha mu yindi fasi yo ku rwego rw'Ibanze iri mu rwego Rwisumbuye ayobora,	7° to authorize prosecutors at intermediate level to operate in the territorial jurisdiction of Public Prosecution at primary level or to authorize a prosecutor at primary level to carry out the prosecution activities in another territorial jurisdiction of the primary level located in the territorial jurisdiction at	7° autoriser les officiers de poursuite judiciaire au niveau de grande instance de mener leurs activités dans le ressort de poursuite judiciaire au niveau de base ou autoriser un officier de poursuite judiciaire au niveau de base à exercer l'action publique dans un autre ressort de Poursuite judiciaire du

*Official Gazette n° Special of 30/05/2018*

akabimenyeshya Umushinjacyaha Mukuru mu nyandiko.

the intermediate level he/she heads and inform the Prosecutor General in writing.

niveau de base situé dans le ressort de niveau de Grande instance qu'il dirige et en informer le Procureur Général par écrit.

**Akiciro ka 2:** Ubwigenge bw'Ubushinjacyaha Bukuru mu byerekeye imicungire y'abakozi n'imari

**Subsection 2:** Autonomy of National Public Prosecution Authority as regards administrative and financial affairs

**Sous-section 2:** Autonomie de l'Organe national de Poursuite judiciaire en matière administrative et financière

**Ingingo ya 24:** Ubwigenge mu micungire y'abakozi n'imari

**Article 24:** Administrative and financial Autonomy

**Article 24:** Autonomie de gestion administrative et financière

Ubushinjacyaha Bukuru bufite ubwigenge mu micungire y'abakozi n'imari byabwo.

The National Public Prosecution Authority enjoys administrative and financial autonomy.

L'Organe national de Poursuite judiciaire jouit de l'autonomie de gestion administrative et financière.

**Akiciro ka 3:** Imikoranire y'Ubushinjacyaha Bukuru n'izindi nzego

**Subsection 3:** Collaboration between the National Public Prosecution Authority and other institutions

**Sous-section 3:** Collaboration entre l'Organe national de Poursuite judiciaire et les autres institutions

**Ingingo ya 25:** Imikoranire y'Ubushinjacyaha Bukuru na Minisitiri ifite ubutabera mu nshingano zayo

**Article 25:** Collaboration between the National Public Prosecution Authority and the Ministry in charge of justice

**Article 25:** Collaboration entre l'Organe national de Poursuite judiciaire et le ministère ayant la justice dans ses attributions

Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze agena politiki y'ikurikiranabyaha y'Ubushinjacyaha Bukuru. Agena kandi, abyumvikanyeho n'Umushinjacyaha Mukuru, mbere y'uko umwaka urangira, amabwiriza rusange ya politiki y'ikurikiranacyaha akamenyeshwa Abashinjacyaha bose mu nyandiko.

The Minister in charge of justice determines the prosecution policy of National Public Prosecution Authority. In agreement with the Prosecutor General, he/she formulates general instructions of the policy governing the Public Prosecution before the end of each year which are communicated to all prosecutors in writing.

Le Ministre ayant la justice dans ses attributions détermine la politique de poursuite judiciaire de l'Organe national de Poursuite judiciaire. Il détermine, en accord avec le Procureur Général avant la fin de chaque année, les instructions générales de la politique de poursuite judiciaire qui sont communiquées par écrit à tous les officiers de poursuite judiciaire.

Umushinjacyaha Mukuru ashyikiriza buri gihembwe Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze raporo y'ibikorwa by'Ubushinjacyaha Bukuru, akagera kopi Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe.

The Prosecutor General submits to the Minister in charge of justice a quarterly report related to the performance of the National Public Prosecution Authority with copies to the President of the Republic and Prime Minister.

Le Procureur Général transmet trimestriellement au Ministre ayant la justice dans ses attributions le rapport des activités de l'Organe national de Poursuite judiciaire et en réserve copie au Président de la République et au Premier Ministre.

Mu byerekeranye no gukurikirana ibyaha, Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ashobora, mu nyungu rusange, guha Umushinjacyaha Mukuru amabwiriza yanditse amutegeka cyangwa amubuza gukurikirana.

Ashobora kandi, iyo byihutirwa, mu nyungu rusange, guha umushinjacyaha uwo ari we wese amabwiriza yanditse amutegeka cyangwa amubuza gukurikirana akabimenyeshya Umushinjacyaha Mukuru.

**Ingingo ya 26: Imikoranire y'Ubushinjacyaha Bukuru n'Urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano**

Uretse ubugenzacyaha bwa gisirikare, Ubushinjacyaha Bukuru bugenzura urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano zarwo mu kazi ko kugenza ibyaha.

Ubushinjacyaha bukora raporo ku mikorere y'Abagenzacyaha buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa bukayishyikiriza ubuyobozi bw'urwego rureberera urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano zarwo.

Urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano rumenyeshya Ubushinjacyaha Bukuru, ako kanya rukibimenya, icyaha gikomeye cyangwa cy'ubugomecyakozwe.

Umugenzacyaha ukuriye ubugenzacyaha ku rwego icyaha cyakorewemo abimenyeshya

In regard to the prosecution, the Minister in charge of Justice may, for public interest, issue written instructions to the Prosecutor General to undertake or drop a prosecution case.

He/she may also, in case of urgency and in public interest, issue written instructions to any prosecutor to prosecute or drop a prosecution case and inform the Prosecutor General thereof.

**Article 26: Collaboration between the National Public Prosecution Authority and the institution in charge of criminal investigation**

With the exception of military prosecution, the National Public Prosecution Authority supervises the organ in charge of investigation.

The National Public Prosecution Authority makes a report on the activities of investigators every year and whenever considered necessary and submits it to the supervising authority of the organ in charge of criminal investigation.

The organ in charge of criminal investigation reports immediately to the National Public Prosecution Authority after learning of any felony or misdemeanour which has been committed.

The Investigator who heads the organ in charge of criminal investigation whose territorial jurisdiction covers the area where a crime was

En matière de poursuite judiciaire, le Ministre ayant la justice dans ses attributions peut, dans l'intérêt général, donner au Procureur Général des injonctions écrites d'entreprendre ou d'abandonner l'action publique.

Il peut également, en cas d'urgence et dans l'intérêt général, donner des injonctions écrites à tout officier de poursuite judiciaire lui ordonnant d'exercer ou ne pas exercer une action publique et en informer le Procureur Général.

**Article 26: Collaboration entre l'Organe national de Poursuite judiciaire et l'institution ayant les enquêtes dans ses attributions**

À l'exception de la police militaire, l'Organe national de Poursuite judiciaire supervise l'organe ayant les enquêtes judiciaires dans ses attributions.

L'Organe national de Poursuite judiciaire élabore un rapport sur les activités des enquêteurs chaque année et chaque fois que de besoin et le soumet à l'autorité de tutelle de l'organe ayant les enquêtes judiciaires dans ses attributions.

L'Organe ayant les enquêtes judiciaires dans ses attributions informe, sans délai, l'Organe national de Poursuite judiciaire, de la commission d'un délit ou d'un crime.

Le responsable de l'organe ayant les enquêtes judiciaires dans ses attributions jouissant de la compétence liée à l'infraction commise, informe



Ubushinjacyaha hakurikijwe urwego rw'Ubushinjacyaha rubifitiye ububasha.

committed informs the Public Prosecution Authority with competent jurisdiction.

l'Organe de poursuite Judiciaire compétant en la matière.

**Ingingo va 27: Igenzura ry'ahafungirwa abantu**

**Article 27: Control of detention places**

**Article 27: Contrôle des lieux de détention**

Uretse ahafungiwe abasirikare, abafatanyacyaha babo ndetse n'ibyitso byabo, Ubushinjacyaha Bukuru bugenzura, nibura rimwe mu cyumweru, aho abantu bafungiye bugafata ibyemezo byose bya ngombwa kugira ngo amategeko yubahirizwe.

With the exception of places where soldiers, their co-offenders and their accomplices are detained, the National Public Prosecution Authority inspects detention places, at least once a week and takes all necessary decisions to ensure compliance with laws.

À l'exception des lieux où les militaires, leurs coauteurs et leurs complices sont détenus, l'Organe national de Poursuite judiciaire contrôle, au moins une fois par semaine, les lieux de détention et prend toutes les décisions nécessaires pour veiller au respect de la loi.

**Icyiciro cya 3: Ububasha bw'Ubushinjacyaha Bukuru**

**Section 3: Competence of the National Public Prosecution Authority**

**Section 3: Compétence de l'Organe national de Poursuite judiciaire**

**Ingingo va 28: Ububasha bw'ubushinjacyaha Bukuru**

**Article 28: Competence of the National Public Prosecution Authority**

**Article 28: Compétence de l'Organe national de Poursuite judiciaire**

Ubushinjacyaha Bukuru bufite ububasha bwo:

The National Public Prosecution Authority is competent to:

L'Organe national de Poursuite judiciaire est compétent pour:

- 1° gukora iperereza ku byaha bikurikiranwa no kuyobora iperereza rikorwa n'Abagenzacyaha;
- 2° gushinja no kuburana imanza z'inshinjabyaha mu nkiko;
- 3° kugira uruhare mu gushyiraho ingamba zigomba gukurikizwa mu gukurikirana ibyaha;
- 4° gufatanya n'izindi nzego z'ubutabera, zaba izo mu Rwanda cyangwa iz'ibindi bihugu, mu bikorwa byo gukurikirana abanyabyaha, kurwanya ubugizi bwa nabi no kurengera abakorewe ibyaha

- 1° investigate offences under prosecution process and lead investigations carried out by criminal investigators;
- 2° produce incriminating evidence and plead criminal cases before Courts;
- 3° contribute to the formulation of criminal prosecution strategies;
- 4° cooperate with judicial institutions whether national or those of other countries in activities related to prosecution of criminals, fighting against criminality and protecting victims and

- 1° enquêter sur les infractions faisant objet de poursuite et diriger les enquêtes menées par les enquêteurs judiciaires ;
- 2° produire des preuves à charge et plaider les affaires pénales devant les juridictions ;
- 3° contribuer à l'élaboration des stratégies de poursuite judiciaire ;
- 4° coopérer avec les institutions judiciaires, tant nationales que celles d'autres pays, dans les activités de poursuite, lutter contre la criminalité et protéger les victimes et les témoins conformément à la législation en la matière ;

*Official Gazette n° Special of 30/05/2018*

n'abatangabuhamyama  
amategeko abigenga;

hakurikijwe

witnesses in accordance with relevant laws;

5° gukora indi mirimo iteganywa  
n'amategeko.

5° perform other duties provided for by laws.

5° exécuter d'autres tâches prévues par la loi.

**Ingingo va 29: Kwemeza ko habaho ikurikiranacyaha cyangwa kujurira**

**Article 29: Decision to launch the prosecution or lodge an appeal**

**Article 29: Décision de déclencher une action publique ou interjeter appel**

Ububasha bwo kwemeza ko habaho ikurikiranacyaha cyangwa kujurira bufitwe n'Abashinjacyaha bagize Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru, Abashinjacyaha ku rwego Rwisumbuye n'Abashinjacyaha ku rwego rw'Ibanze.

The competence to decide on whether there should be a prosecution or an appeal belongs to prosecutors at the Prosecutor General's Office, prosecutors at the intermediate level and prosecutors at the primary level.

La compétence de décider sur le déclenchement de l'action publique ou interjection d'appel appartient aux procureurs au Bureau du Procureur Général, officiers de poursuite judiciaire au niveau de grande instance et aux officiers de poursuite judiciaire au niveau de base.

Abashinjacyaha bagize Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru bajurira mu Rukiko Rukuru no mu Rukiko rw'Ubujuje.

Prosecutors at the level of the Prosecutor General's Office file an appeal in the High Court and the Court of Appeal.

Les procureurs du Bureau du Procureur Général interjettent appel dans la Haute Cour et dans la Cour d'Appel.

Abashinjacyaha ku rwego Rwisumbuye bajurira mu Rukiko Rwisumbuye cyangwa mu Rukiko Rukuru, naho Abashinjacyaha ku rwego rw'Ibanze bajurira mu Rukiko rw'Ibanze no mu Rukiko Rwisumbuye.

Prosecutors at the intermediate level file an appeal in the Intermediate Court or in the High Court while prosecutors at the primary level lodge an appeal in primary and intermediate courts.

Les officiers de poursuite judiciaire au niveau de grande instance interjettent appel auprès du Tribunal de Grande Instance ou auprès de la Haute Cour tandis que les officiers de poursuite judiciaire au niveau de base interjettent appel au Tribunal de Base et au Tribunal de Grande Instance.

**Ingingo va 30: Gukurikirana ibyaha mu nkiko**

**Article 30: Prosecution in Courts**

**Article 30: Exercice de l'action publique devant les Cours et Tribunaux**

Abashinjacyaha bafite ububasha bwo gukurikirana ibyaha mu nkiko ku buryo bukurikira:

Prosecutors have the competence to prosecute crimes in courts as follows:

Les officiers de poursuite judiciaire jouissent de la compétence d'exercer l'action publique devant les tribunaux comme suit:

1° mu Rukiko rw'Ikirenga no mu Rukiko rw'Ubujuje, uretse imanza ziregwamo abasirikare, abafatanyacyaha n'ibitso

1° in the Supreme Court and the Court of Appeal, except for cases against soldiers, their co-offenders and their accomplices,

1° devant la Cour Suprême et la Cour d'appel, à l'exception des actions contre les militaires, leurs coauteurs et leurs

*Official Gazette n° Special of 30/05/2018*

byabo, ikurikiranacyaha rikorwa n'Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru Wungirije n'Abashinjacyaha ku rwego rw'Igihugu batoranywa n'Umushinjacyaha Mukuru akabimenyeshya Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha;

2° mu Rukiko Rukuru, ikurikiranacyaha rikorwa n'Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru wungirije n'abandi bashinjacyaha bo ku Rwego rw'Igihugu;

3° mu Rukiko Rwisumbuye no mu Rukiko rw'Ibanze, Ubushinjacyaha Bukuru buhagararirwa n'Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye yunganiwe n'Abashinjacyaha ku rwego Rwisumbuye no ku rwego rw'Ibanze;

Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Abashinjacyaha ku rwego Rwisumbuye bashobora guhagararira Ubushinjacyaha Bukuru mu Rukiko Rukuru cyangwa mu nkiko zo ku rwego rw'Ibanze naho Abashinjacyaha ku rwego rw'Ibanze bashobora guhagararira Ubushinjacyaha mu Rukiko Rwisumbuye babihereye ububasha n'Umushinjacyaha Mukuru.

prosecution is carried out by the Prosecutor General, Deputy Prosecutor General and National Prosecutors chosen by the Prosecutor General with a notification thereof to the High Council of the National Public Prosecution Authority;

2° at the High Court, the prosecution is carried out by the Prosecutor General, Deputy Prosecutor General and other National Prosecutors;

3° at the Intermediate and Primary Courts, the National Public Prosecution Authority is represented by the Chief Prosecutor at the intermediate level assisted by prosecutors at the intermediate level and prosecutors at the primary level.

Subject to the provisions of Paragraph One of this Article, prosecutors at the intermediate level may represent the National Public Prosecution Authority in the High Court or in Courts of Primary level while prosecutors at primary level may represent the Public Prosecution in Intermediate Court, upon authorisation of the Prosecutor General.

complices, l'action publique est exercée par le Procureur Général, le Procureur Général Adjoint et les Procureurs Nationaux choisis par le Procureur Général qui en informe le Conseil supérieur de l'Organe national de Poursuite judiciaire;

2° devant la Haute Cour, l'action publique est exercée par le Procureur Général, le Procureur Général Adjoint et d'autres procureurs nationaux;

3° devant le Tribunal de Grande Instance et de Base, l'Organe national de Poursuite judiciaire est représenté par le Procureur en Chef au niveau de grande instance assisté par des officiers de poursuite judiciaire au niveau de grande instance et au niveau de base.

Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, les officiers de poursuite judiciaire au niveau de grande instance peuvent représenter l'Organe national de Poursuite judiciaire à la Haute Cour ou dans les tribunaux de base, tandis que les officiers de poursuite judiciaire au niveau de base peuvent représenter l'Organe national de Poursuite judiciaire dans le Tribunal de Grande Instance sur autorisation du Procureur Général.

**UMUTWE WA III: UBUSHINJACYAHA BWA GISIRIKARE**

**Iciviro cya mbere: Imiterere y'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare**

**Ingingo ya 31: Inzego zigize Ubushinjacyaha bwa Gisirikare**

Ubushinjacyaha bwa Gisirikare ni urwego rumwe rugizwe n'inzego zikurikira:

- 1° Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare;
- 2° Abashinjacyaha ba Gisirikare;
- 3° Abagenzacyaha ba Gisirikare.

**Ingingo ya 32: Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare**

Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare bigizwe n'aba bakurikira:

- 1° Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare;
- 2° Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare wungirije.

**Ingingo ya 33: Ishyirwaho n'indahiro by'Abashinjacyaha ba Gisirikare**

Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare, Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare wungirije n'Abashinjacyaha ba Gisirikare batoranywa mu ngabo z'u Rwanda. Bashyirwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe abisabwe na

**CHAPTER III: MILITARY PROSECUTION DEPARTMENT**

**Section One: Organisation of Military Prosecution Department**

**Article 31: Composition of Military Prosecution Department**

The Military Prosecution Department is a single organ which comprises:

- 1° the Military Prosecutor General's Office;
- 2° the Military Prosecutors;
- 3° the Military Judicial Officers.

**Article 32: Office of the Military Prosecutor General**

The Office of the Military Prosecutor General is composed of the following persons:

- 1° the Military Prosecutor General;
- 2° the Deputy Military Prosecutor General.

**Article 33: Appointment and oath of Military Prosecutors**

The Military Prosecutor General, the Deputy Military Prosecutor General and Military Prosecutors are chosen among members of Rwanda Defence Force. They are appointed for indefinite period by a Prime Minister's Order

**CHAPITRE III: AUDITORAT MILITAIRE**

**Section première: Organisation de l'Auditorat militaire**

**Article 31: Composition de l'Auditorat militaire**

L'Auditorat militaire est un organe unique qui comprend:

- 1° le Bureau de l'Auditeur général militaire ;
- 2° les auditeurs militaires;
- 3° les officiers de police judiciaire militaire.

**Article 32: Bureau de l'Auditeur général militaire**

Le Bureau de l'Auditeur général militaire est composé des personnes suivantes:

- 1° l'Auditeur général militaire;
- 2° l'Auditeur général militaire adjoint.

**Article 33: Nomination et prestation de serment des auditeurs militaires**

L'Auditeur général militaire, l'Auditeur général militaire adjoint et les Auditeurs militaires sont choisis parmi les membres des Forces Rwandaises de Défense. Ils sont nommés pour une durée indéterminée par Arrêté du Premier ministre sur proposition du Ministre ayant les

*Official Gazette n° Special of 30/05/2018*

Minisitiri ufite ingabo mu nshingano ze kandi igihe bamara kuri uwo murimo ntikigenwe.

Mbere yo gutangira imirimo yabo, Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare, Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare wungirije n'Abashinjacyaha ba Gisirikare barahirira imbere ya Minisitiri w'Intebe.

**Ingingo ya 34: Abagenzacyaha ba Gisirikare**

Abagenzacyaha ba Gisirikare bashinzwe kugenza ibyaha biburanishwa mu nkiko za Gisirikare, gushaka ababikoze no kugaragaza ibimenyetso.

Abagenzacyaha ba Gisirikare batoranywa mu bagize Ingabo z'u Rwanda. Bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite Ingabo z'u Rwanda mu nshingano ze, amaze kugisha inama Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare.

**Icyiciro cya 2: Imikorere y'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare**

**Akiciro ka mbere: Ubuyobozi bw'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare n'inshingano z'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare**

**Ingingo ya 35: Ubuyobozi bw'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare**

Ubushinjacyaha bwa Gisirikare buyoborwa n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare.

upon a proposal by the Minister in charge of Rwanda Defence Force.

Before assuming prosecution activities, the Military Prosecutor General, the Deputy Military Prosecutor General and Military Prosecutors take the oath of office before the Prime Minister.

**Article 34: Military Judicial Officers**

The Military Judicial Officers investigate crimes in the jurisdiction of the Military Courts, apprehend offenders and gather evidence.

Military Judicial Officers are chosen among Rwanda Defence Force and appointed by an Order of the Minister in charge of Rwanda Defence Force after consultation with the Military Prosecutor General.

**Section 2: Functioning of the Military Prosecution Department**

**Subsection One: Administration of Military Prosecution Department and duties of the Military Prosecutor General**

**Article 35: Administration of the Military Prosecution Department**

The Military Prosecution is headed by the Military Prosecutor General.

Forces Rwandaises de Défense dans ses attributions.

Avant d'entrer en fonction, l'Auditeur général militaire et l'Auditeur général militaire adjoint ainsi que les auditeurs militaires prêtent serment devant le Premier Ministre.

**Article 34: Officiers de police judiciaire militaire**

Les officiers de police judiciaire militaire constatent les infractions relevant de la compétence des Juridictions Militaires, en recherchent les auteurs et en rassemblent les preuves.

Les officiers de police judiciaire militaire sont choisis parmi les membres des Forces Rwandaises de Défense et nommés par Arrêté du Ministre ayant les Forces Rwandaises de Défense dans ses attributions après consultation de l'Auditeur général militaire.

**Section 2: Fonctionnement de l'Auditorat militaire**

**Sous-section première: Administration de l'Auditorat militaire et attributions de l'Auditeur général militaire**

**Article 35: Administration de l'Auditorat militaire**

L'Auditorat militaire est dirigé par l'Auditeur général militaire.

Mu mirimo ye ya buri muni, yaba iyerekeranye n'ubuyobozi ndetse n'iy'ikurikiranacyaha, Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare yunganirwa n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare wungiriye. Ni nawe umusimbura iyo adahari.

**Ingingo ya 36: Inshingano z'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare**

Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare afite ububasha bwo gukurikirana ibyaha byose byakozwe n'abasirikare, abafatanyacyaha babo ndetse n'ibyitso byabo.

Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare ashinzwe kandi ibi bikurikira:

- 1° guhuriza hamwe imirimo y'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare;
- 2° gutegura umushinga w'ingengo y'imari ikoresha n'ubushinjacyaha bwa Gisirikare akawushyikiriza Minisitiri ufite ingabo z'u Rwanda mu nshingano ze;
- 3° gushyiraho amategeko ngengamikorere y'ubushinjacyaha bwa Gisirikare amaze kugisha inama Minisitiri ufite ingabo z'u Rwanda mu nshingano ze;
- 4° gutanga inama ku bibazo birebana n'imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika, ifungurwa ry'agateganyo n'ihanagura busembwa ku basirikare, abafatanyacyaha n'ibyitso byabo bakatiwe n'inkiko za gisirikare.

In his/her daily activities, either in connection with administration or prosecution, the Military Prosecutor General is assisted by the Deputy Military Prosecutor General. The latter replaces him/her in case of absence.

**Article 36: Responsibilities of the Military Prosecutor General**

The Military Prosecutor General has the competence to prosecute all offences committed by military personnel, their co-offenders and their accomplices.

The Military Prosecutor General is also responsible for the following:

- 1° to coordinate activities of the Military Prosecution Department;
- 2° to prepare and submit to the Minister in charge of Rwanda Defence Force the draft budget of the Military Prosecution Department;
- 3° to establish the rules of procedure of the Military Prosecution Department after consultation with Minister in charge of Rwanda Defence Force;
- 4° to provide advice on issues relating to presidential pardon, release on parole and rehabilitation of soldiers, their co-offenders and their accomplices convicted by Military Courts.

Dans ses activités quotidiennes, soit en rapport avec l'administration ou en rapport avec l'action publique, l'Auditeur général militaire est assisté par l'Auditeur général militaire adjoint. Ce dernier le remplace en cas d'absence.

**Article 36: Attributions de l'Auditeur général militaire**

L'Auditeur général militaire a la compétence de poursuivre toutes les infractions commises par les militaires, leurs coauteurs et leurs complices.

L'Auditeur général militaire est aussi chargé de ce qui suit:

- 1° coordonner les activités de l'Auditorat militaire;
- 2° préparer et soumettre au Ministre ayant les Forces Rwandaises de Défense dans ses attributions le projet du budget de fonctionnement de l'Auditorat militaire;
- 3° établir le Règlement d'Ordre Intérieur de l'Auditorat militaire après consultation avec le Ministre ayant les Forces Rwandaises de Défense dans ses attributions;
- 4° donner des conseils en matière de grâce présidentielle, de libération conditionnelle et de réhabilitation judiciaire pour les militaires, leurs coauteurs et leurs complices condamnés par les juridictions militaires.

**Akiciro ka 2: Imikoranire y'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare n'izindi nzego**

**Ingingo ya 37: Imikoranire y'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare na Minisitiri y'Ingabo**

Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bugengwa mu mirimo yabwo na Minisitiri ufite ingabo z'u Rwanda mu nshingano ze.

**Ingingo ya 38: Imikoranire y'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare na Minisitiri y'Ubutabera**

Mu byerekeye ikurikiranacyaha, Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bukurikiza gahunda na politiki iteganywa na Minisitiri ifite ubutabera mu nshingano zayo.

Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare akora raporo buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa ku birebana n'imigendekere rusange y'imirimo y'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare akayishyikiriza Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze.

**Ingingo ya 39: Imikoranire y'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare n'izindi nzego z'Ubushinjacyaha n'iz'Urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano zarwo**

Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bukorana n'izindi nzego z'Ubushinjacyaha n'iz'Urwego rufite ubugenzacyaha mu nshingano zarwo mu ihererekanya ry'abacyekwaho ibyaha

**Subsection 2: Collaboration between the Military Prosecution Department and other institutions**

**Article 37: Collaboration between the Military Prosecution Department and the Ministry of Defence**

The Military Prosecution Department operates under the authority of the Minister in charge of Rwanda Defence Force.

**Article 38: Relations between the Military Prosecution Department and the Ministry of Justice**

In prosecution matters, the Military Prosecution Department complies with programme and policy provided for by the Ministry in charge of justice.

The Military Prosecutor General prepares a report annually and whenever considered necessary, on the general functioning of prosecution functions of the Military Prosecution Department and submits it to the Minister in charge of justice.

**Article 39: Collaboration between the Military Prosecution Department and other organs of Public Prosecution and the organ in charge of criminal investigation**

The Military Prosecution Department collaborates with other organs of Public Prosecution and the organ in charge of criminal investigation in the transfer of suspects and their

**Sous-section 2: Collaboration entre l'Auditorat militaire et les autres institutions**

**Article 37: Collaboration entre l'Auditorat militaire et le Ministère de la Défense**

L'Auditorat militaire fonctionne sous l'autorité du Ministre ayant les Forces Rwandaises de Défense dans ses attributions.

